IBIRORI BYO GUTAHA KU MUGARAGARO KILIZIYA YA PARUWASI BIRUYI NO KWAKIRA ABABIKIRA.

Ku wa gatanu tariki 29/07/2016, muri Paruwasi ya Biruyi habaye ibirori byo gutaka ku mugaragaro Kiliziya y'iyo paruwasi nyuma yo kuvugururwa neza mu gihe cy'amezi atatu; ibyo birori byajyaniranye no kwakira ababikira bo mu muryango wa Mutagatifu Marita baje mu Biruyi bakazajya bita ku barwayi bo mu kigo-Nderabuzima cya Biruyi.

Ifoto ya Kiliziya ya Biruyi mbere yo kuvugururwa

Ifoto ya Kiliziya ya Biruyi nyuma yo kuvugururwa

Ibyo birori byabimburiwe n'Igitambo cya Misa yayobowe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo. Mu butumwa yatanze mu gihe cy'Igitambo cya Misa, yashimishijwe n'uburyo Abanyabiruyi bamwakiriye bishimye cyane. Arashimira Ababikira ba Mutagatifu Marita bemeye kuza gutura mu Biruyi kugira ngo bakore ubutumwa bwo kwita ku buzima bw'abantu. Arashimira abakristu ba paruwasi ya Biruyi uko biyubakiye paruwasi kuko we ubwe mu mwaka wa 2013 yageze muri Kiliziya yari ihari none arabona ko bayigize nziza cyane.

Ingoro y'Imana yagarutse cyane mu masomo y'uwo munsi, isomo rya mbere, Uhoraho yatumye umuhanuzi Hagayi kujya gushishikariza abayisraheri kubaka Ingoro y'Imana aho gutura mu mazu meza kandi Ingoro y'Imana yarabaye amatongo. Arababwira ko barya ariko ntibijute, baranywa ariko ntibashire inyota. Arabwira abakristu ko Ingoro y'Imana ari ahantu hatagatifu bahuriramo bagasenga. Icyatumara inzara n'inyota ni Yezu Kristu. Pawulo mutagatifu aratwibutsa ko twese turi ingoro y'Imana. Turamutse dusengeye mu ngoro nziza, imitima yacu idasukuye intacyo twaba dukora. Nidusanga umutima wacu udacyeye

Tujye duhabwa Isakaramentu rya Penetensiya. Iyi ngoro y'Imana yaragijwe mutagatifu Yozefu kugira ngo atubere urugero mubyo dukora. Uyi munsi twahimbaje mutagatifu Marita. Mu Ivanjili, Marita yakiriye Yezu maze arashyashyana agira ngo yakire neza umushyitsi ariko Yezu siko abibona gusa ntatubuza umico mwiza wo kwakira abatugenderera aratwigisha kujya duhitamo umugabane mwiza. Twaje muri iyi ngoro ngo tubane na Kristu nk'uko Mariya yigiye Ku birenge bya Kristu.

Mu ijambo rye, Padiri mukuru wa paruwasi ya Biruyi arashimira Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA waje guha Kiliziya umugisha ndetse akakira ababikira bo mu muryango wa sainte Marthe. Arashimira ababikira batazuyaje kuza mu Biruyi. Arashimira abapadiri bamubanjirije ko batangije iki gitekerezo cyiza cyo kuvugurura Kiliziya. Arashimira inkunga zatanzwe n'abakristu ba paruwasi harimo miliyoni 31 z'amafaranga n'andi miliyoni 9 ahwanye n'imirimo bakoresheje imbaraga zabo.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA aha Kiliziya ya Biruyi umugisha

Uwakoze igishushanyo cya Kiliziya Injeniyere Vincent, avuga ko iyo Kiliziya yari imeze nka salle, n'ubwo Padiri mukuru yashakaga ko bashyiraho amabati gusa ariko bo barabyanga. Bagerageje gutekereza ibishushanyo bitandukanye bikanga.. aza kugirwa inama kenshi na benshi zibagirira akamaro.

Mu ijambo rye umubikira ukuriye umuryango w'ababikira ba mutagatifu Marita arashimira Nyagasani waduhurije hamwe Ku munsi wabo wa bazina Mutagatifu. Arashimira Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA wabakiriye muri Paruwasi ya Biruyi. Arashimira na musenyeri Alexis HABIYAMBERE umaze igihe abasaba kuza muri paruwasi ya Biruyi. Arashimira Padiri Econome General na Padiri mukuru bagerageje kuvugurura inzu babamo.

Mu ijambo rye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA arashimira Nyagasani Imana udushoboza mu migambi yacu. Arashimira abakristu ba paruwasi ya Biruyi bitanze. Yabonye neza ko Kiliziya yahindutse abasaba kwiha amashyi. Ibyo bakoze Ni ibikorwa biduhesha ishema muri Kiliziya. Arashimira abakristu ba Biruyi baba ahandi bemeye kuza kwifatanya n'abandi cyane cyane abakoze igishushanyo cy'Ingoro.

Arashimira Padiri mukuru wafatanije n'abubatsi kugera Ku gitekerezo cyiza. Arashimira uwo ari we wese watanze umusanzu we maze Kiliziya ikaba igeze aha. Arasaba abakristu ba Biruyi kudahagararira aho baheze ahubwo bagakomeza kunonosora n'ibisigaye. Arashimira mère Général w'ababikira ba Mutagatifu Marita ku rwego rw’isi witanze akaza muri uyu munsi. Arashimira Musenyeri Alexis HABIYAMBERE watangije iyi gahunda yo kuzana ababikira mu Biruyi. Yahaye ikaze abo babikira kandi abifuriza ubumwa bwiza muri Diyosezi ya Nyundo. Yashishikarije abakristu gutanga mituelle de sante, kwirinda kunaniza abo babikira bikururira indwara ahubwo bakarangwa n'isuku.

Uhagarariye abalayiki arashimira igikorwa gikozwe mu gihe cy'amezi atatu n'ubwo cyari cyaratekerejwe kuva kera. Abitanze barashimirwa kandi Imana izabiture. Yavuze ko bagiye gukora ibishoboka byose umwaka utaha bakazaba baraboneye abapadiri imodokari yo kwifashisha mu butumwa.

Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage mu murenge wa Mushonyi aragaragaza ko Iyi Kiliziya abakristu ba Biruyi bujuje Ari umuhigo besheje. Abanyabiruyi basanzwe bitabira neza kuko no mu rwego rw'akarere umurenge wa Mushonyi wabaye uwa mbere. Arabashishikariza gukomeza kurangwa n'urukundo nk'uko Ijambo ry'Imana ribivuga.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA